REPUBULIKA Y'U RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KWA NYAKANGA 2024

10 Kanama 2024

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA NYAKANGA 2024

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Nyakanga 2024. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

## A. Ibiciro mu mijyi

Mu kwezi kwa Nyakanga 2024, ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 4,9% ugereranyije na Nyakanga 2023. Ibiciro mu kwezi kwa Kamena 2024 byari byiyongereyeho 5%.

Mu kwezi kwa Nyakanga 2024, ibiciro byiyongereye bitewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 1,5%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 4,5% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 21,7%.

Ugereranyije Nyakanga 2024 na Nyakanga 2023, ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byiyongereyeho 5,4%.

Ugereranyije Nyakanga 2024 na Kamena 2024, ibiciro byagabanutseho 0,1%. Iri gabanuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 1,5%.

## B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi kwa Nyakanga 2024, ibiciro mu byaro byagabanutseho 0,6% ugereranyije na Nyakanga 2023. Ibiciro mu kwezi kwa Kamena 2024 byari byagabanutseho 1,4%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bigabanuka mu kwezi kwa Nyakanga 2024, ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 5,7%.

Ugereranyije Nyakanga 2024 na Kamena 2024, ibiciro byiyongereyeho 0,9%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 1,3%.

## C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi kwa Nyakanga 2024 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 1,5% ugereranyije na Nyakanga 2023. Mu kwezi kwa Kamena 2024 ibiciro byari byiyongereyeho 1,1%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera mu kwezi kwa Nyakanga 2024, ni ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 9,8% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 21,8%.

Ugereranyije Nyakanga 2024 na Kamena 2024, ibiciro byiyongereyeho 0,5%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 0.5% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 0,7%.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Nyakanga 2023 kugeza muri Nyakanga 2024.**

| Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize ndetse n'ukwezi kwakubanjirije | | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | 2023 | | | | | | 2024 | | | | | | |
| | 07 | 08 | 09 | 10 | 11 | 12 | 01 | 02 | 03 | 04 | 05 | 06 | 07 |
| **Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ku mwaka** | | | | | | | | | | | | | |
| Mu mijyi | 11,9 | 12,3 | 13,9 | 11,2 | 9,2 | 6,4 | 5,0 | 4,9 | 4,2 | 4,5 | 5,8 | 5,0 | 4,9 |
| Mu byaro | 21,0 | 20,8 | 21,5 | 14,1 | 9,6 | 6,1 | 1,9 | 2,1 | -1,7 | -3,5 | -1,6 | -1,4 | -0,6 |
| Mu Rwanda | 17,3 | 17,4 | 18,4 | 12,9 | 9,4 | 6,2 | 3,1 | 3,2 | 0,6 | -0,5 | 1,3 | 1,1 | 1,5 |
| **Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ku kwezi** | | | | | | | | | | | | | |
| Mu mijyi | 0,0 | 0,9 | 3,6 | 0,3 | -1,0 | -2,5 | -0,1 | 1,8 | 1,1 | 1,4 | 0,0 | -0,4 | -0,1 |
| Mu byaro | 0,0 | 1,4 | 4,3 | 1,1 | -2,4 | -5,6 | -1,4 | 3,3 | 0,5 | 0,1 | -1,6 | -0,8 | 0,9 |
| Mu Rwanda | 0,0 | 1,2 | 4,0 | 0,8 | -1,9 | -4,4 | -0,9 | 2,7 | 0,7 | 0,6 | -1,0 | -0,6 | 0,5 |
| *Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda* | | | | | | | | | | | | | |

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103  Hot line: 4321

Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Email: info@statistics.gov.rw